REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

# IMIRONGO NGENDERWAHO IJYANYE N'ISHYIRWAHO N'IMIKORERE Y'INSHUTI Z'UMURYANGO (IZU)

KIGALI, 2016

## IRIBURIRO

Kuva kera u Rwanda rwarangwaga n'umuco w'ubufatanye aho wasangaga imiryango yiturana ineza kandi ikanashyigikirana, ibyo bigatuma irushaho kubana neza no kugira imbaraga. Ibikorwa bitandukanye nk'ubudehe, umuganda cyangwa umusanzu byibandaga cyane guhuriza hamwe abaturage n'imiryango mu bikorwa bigamije inyungu rusange no gushakira hamwe umuti w'ibibazo bibugarije.

Muri izi gahunda zose usanga hari abanyarwanda b'intangarugero biyemeza ku bushake kubera bagenzi babo umusemburo wo kubageza ku ntego biyemeje muri izo gahunda ziganisha ku iterambere rusange ry'umuryango.

Mu rwego rero rwo gufasha umuryango gutera imbere, kwita ku burere bwiza bw'abana no kwimakaza umuco w'ibiganiro mu muryango, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana ndetse n'abafatanyabikorwa bayo ishyizeho urwego rw'abakorerabushake bitwa **"Inshuti z'Umuryango" (IZU)** kugira ngo bazafashe umuryango mu kunoza inshingano zawo zirimo kurera ariko banaharanira gufasha umuryango kwiyubaka, kubana neza no kwita ku mibereho myiza y'abawugize. Izo Nshuti z'Umuryango zizaba ziri ku rwego rw'Umudugudu. Mu rwego rwo kwirinda gushyiraho inzego nyinshi kandi zihuje inshingano, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yiyemeje guhuza inshingano zari zifitwe n'abagize komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurengera umwana zigahabwa Inshuti z'Umuryango.

Iyi nyandiko ikubiyemo imirongo ngenderwaho yerekeye ishyirwaho n'imikorere y'urwego rw'abakorerabushake bitwa **Inshuti z'Umuryango (IZU)** mu rwego rwo guteza imbere umuryango muri rusange no kurengera uburenganzira bw'umwana by'umwihariko. Uru rwego ni rumwe mu nzego zizafasha gushyira mu bikorwa amategeko, za politiki n'ingamba bigamije guteza imbere umuryango no kurengera abana by'umwihariko. Abaturanyi, abayobozi b'Inzego z'ibanze ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye bafasha Inshuti z'Umuryango mu kurangiza inshingano zabo zo guteza imbere umuryango nyarwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 13 JAN 2016

**GASINZIGWA Oda**
**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango**

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

## IBIKUBIYEMO

IRIBURIRO ........ ii

IBIKUBIYEMO ........ iii

I. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO N'INYITO ........ iv

II. ISOBANURAMPAMVU ........ 1

III. INSHUTI Z'UMURYANGO NI BANTU KI? ........ 2

IV. INSHINGANO Z'INSHUTI Z'UMURYANGO ........ 2

V. INSHINGANO Z'INSHUTI Z'UMURYANGO MU BURYO BURAMBUYE ........ 3

VI. UKO INSHUTI Z'UMURYANGO ZIZAKORANA N'IZINDI NZEGO ZISANZWE ZIRIHO ........ 5

VII. IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU ATORANYWE KUBA INSHUTI Y'UMURYANGO ........ 12

VIII. UKO INSHUTI Z'UMURYANGO ZITORANYWA ........ 12

8.1 Itoranya ku rwego rw'Umudugudu ........ 12

8.2 Uburyo bwo kwamamaza ........ 12

8.3 Uburyo bukoreshwa mu gutoranya ........ 13

8.4 Itoranya ku rwego rw'Akagari n'Umurenge ........ 13

IX. URUHARE RW'INZEGO MU ISHYIRWAHO NO GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'INSHUTI Z'UMURYANGO ........ 14

X. IKURIKIRANA N'IHUZABIKORWA RY'INSHUTI Z'UMURYANGO ........ 16

XI. IBIJYANYE N'IMITANGIRE YA RAPORO ........ 17

11. 1 Ku mikorere rusange ........ 17

11.2 Ku bibazo byihutirwa (ibijyanye n'ihohoterwa) ........ 17

XII. UBURYO URU RWEGO RUZAFASHWA KUGIRA NGO RUKORE KU BURYO BURAMBYE ........ 17

IMIGEREKA ........ 19

Umugereka 1: Ifishi itangirwaho raporo y'itoranywa ry'Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umudugudu ........ 19

Umugereka wa 2: Imyirondoro n'amajwi by'Inshuti z'Umuryango zatowe ........ 20

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'URWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

## I. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO N'INYITO

| Inyito | Ibisobanuro |
|---|---|
| **Kurengera umwana** | Kurengera umwana ni uburyo bwo gukumira icyo ari cyo cyose cyabangamira uburenganzira bwe, gukemura ibibazo birebana n'ihohotera ry'umwana, (urugero: kutita ku mwana, gukoresha abana imirimo irenze ubushobozi n' ikigero cyabo….). |
| **Uburenganzira bw'umwana** | Uburenganzira bw'umwana ni bwinshi ariko bukubiye mu ngingo zirindwi z'ingenzi ari zo: uburenganzira bwo kubaho no kugira imibereho myiza, uburenganzira bwo kugira ubwenegihugu n' ibimuranga (kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere), uburenganzira ku muryango n'ubundi buryo bwo kumwitaho, uburenganzira ku burezi, uburenganzira bwo kurindwa icyamuhungabanya cyose, uburenganzira ku butabera buboneye, uburenganzira ku kugira ijambo no kugira uruhare mu bimukorerwa. |
| **Uburyo bwo kurengera umwana** | Uburyo bwo kurengera umwana bikubiyemo politike, amategeko, gahunda, ingamba, amabwiriza na serivise bikenewe, cyane cyane mu mibereho myiza, uburezi, ubuzima, umutekano n'ubutabera bikorwa n' uwo ari we wese ushinzwe kwita ku mwana (ababyeyi, abarezi, inzego za leta, abikorera ku giti cyabo, amatsinda ashingiye ku madini n'abandi). |
| **Ihohotera rikorerwa umwana no kubangamira uburenganzira bwe** | Ihohotera ry'umwana bivuga uburyo bwose bwo kumukorera ibikorwa bibi bibabaza umubiri we, bimuhungabanya mu mitekerereze, bimuvutsa uburenganzira ku mutungo w'ababyeyi, ihohotera rishingiye ku gitsina, kutita ku mwana, kumutererana, kumushora mu bikorwa by'ubucuruzi cyangwa gushakira amaronko ku mwana ku buryo bishobora kubangamira imibereho ye, imikurire ye, cyangwa gutakaza agaciro n'icyizere. |
| **Gushakira amaronko ku mwana** | Gushakira amaronko ku mwana bivuga gukoresha umwana ku bw'inyungu z'undi muntu, hagamijwe kwishimisha cyangwa harimo izindi nyungu akenshi bigakururira umwana akarengane, gukorerwa ubugome no gukorerwa ibikorwa bimwangiza. Ibi bikorwa bigira ingaruka ku mubiri, ku buzima bwo mu mutwe, mu burezi, mu mikurire, imitekerereze n'imibanire n'abandi, n'ibindi. |
| **Ihohotera rishingiye ku gitsina** | Ni igikorwa [icyo ari cyo cyose] gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina n'icyo kumwima uburenganzira ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo |

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU

| | |
|---|---|
| | gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo. |
| **Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF)** | Ni Minisiteri ifite inshingano z'ingenzi zikurikira: (1) guteza imbere uburinganire hagati y'abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu; (2) kongerera ubushobozi abagore mu bukungu, (3) guteza imbere umuryango no kurengera abana (4) gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| **Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana (NCC)** | Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana ni ikigo cya Leta kireberera kandi kigahuza ibikorwa byose birebana n'iyubahirizwa ry' uburenganzira bw' umwana. |

## II. ISOBANURAMPAMVU

Leta y'u Rwanda ibona umuryango ubanye neza kandi ufite iterambere nka kimwe mu by'ibanze bituma Igihugu gishobora kugera ku iterambere rirambye. Ibyo bigaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015; aho rishimangira ko umuryango ari wo shingiro ry'imbaga y'Abanyarwanda, ko abawugize bagomba kurindwa ndetse no kwitabwaho (ingingo ya 18).

Hashingiwe ku itegeko No 54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye Uburenganzira bw'umwana, uburyo bwo kumurinda no kumurengera, mu ngingo yaryo ya 24, hagaragazwa ko umwana wese afite uburenganzira bwo kugira umuryango avukamo, abamo, akuriramo kandi abyirukiramo. Uwo muryango ugomba kumurinda ku buryo bwose, ukamugaragariza urukundo kugira ngo yisanzure.

Hashyizweho kandi Politiki z'igihugu, ingamba na gahunda zigamije guteza imbere umuryango no kurengera uburenganzira bw'umwana. Muri zo twavuga; Politiki y'igihugu y'umuryango, Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Politiki ikomatanya Uburenganzira bwose bw'Umwana, gahunda yaTubarerere mu Muryango, n'ibindi.

By'umwihariko, izi Politiki, ingamba na gahunda zishimangira ko abagize umuryango bagomba kubana neza, birinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose kandi baha agaciro uburenganzira bwa buri wese mu bagize umuryango. By'umwihariko umwana afite uburenganzira ku bwenegihugu n' ibimuranga cyane cyane kumwandikisha akivuka mu bitabo by'irangamimerere, uburenganzira ku muryango n'ubundi buryo bwo kwitabwaho, ku buzima n'imibereho myiza, ku burezi, kurindwa no kurengerwa, ubutabera no kugira uruhare mu bimukorerwa, nk'uko bigaragara mu nkingi 7 zigize Politiki ikomatanya uburenganzira bw' umwana.

Nyamara n'ubwo hashyizweho amategeko, Politiki, ingamba ndetse na gahunda zijyanye no kurengera umuryango n'umwana by'umwihariko, haracyari ibibazo bibangamira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana bijyanye n'ihohoterwa, gutereranwa, gukoreshwa imirimo mibi, gushakirwaho amaronko n'ibindi. Mu miryango imwe n'imwe kandi haracyagaragaramo amakimbirane, imibanire mibi ndetse rimwe na rimwe biganisha no kuba hari uwakwambura undi ubuzima. Ibi bikaba byerekana neza ko hakenewe urwego rufasha gushyira mu bikorwa no gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ndetse n'imibereho myiza y'abagize umuryango muri rusange; akaba ariyo mpamvu hashyizweho Inshuti z'Umuryango.

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA

## III. INSHUTI Z'UMURYANGO NI BANTU KI?

Inshuti z'Umuryango ni abakorerabushake bashinzwe kurengera umuryango ~~bakaba~~ bazakorera mu Midugudu yose y'igihugu kugira ngo barinde abagize umuryango bose bibanda ku mibereho myiza y'umwana. Bazafasha kandi mu kubaka ubushobozi bw'imiryango bayigira inama muri gahunda zitandukanye zirimo iz'iterambere, kwita ku burere bwiza bw'abana babo, kwirinda amakimbirane, gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kunoza imibanire hagati y'abagize umuryango, kandi bakazajya basura kenshi imiryango cyane cyane irimo amakimbirane .

By'umwihariko Inshuti z'Umuryango zizafasha mu kubungabunga uburenganzira bw'abana babarinda ibikorwa by'ihohoterwa, byo gutwita imburagihe, byo gufata ibiyobyabwenge, kubashakiraho amaronko, kubatererana, kubacuruza cyangwa kubakoresha imirimo y'ingufu itajyanye n'ikigero cyabo, kureba ko abana bafite ubumuga bahabwa ibyo bagomba nk'abandi bana bose, guta ishuri no kurinda ko abana batandukana n'imiryango yabo (kujya mu buzererezi, mu bigo, n'ibindi…)

Hateganyijwe ko Inshuti z'Umuryango zizakorera ku rwego rw'Umudugudu, bakazaba ari abantu babiri (umugabo n'umugore) batowe n'inteko rusange y'Umudugudu. Inshuti z'Umuryango kandi zizaba zifite umuhuzabikorwa ku rwego rw'Akagari n'Umurenge. Ku rwego rw'Akarere, hazaba hari komite ihuza ibikorwa byose by'Inshuti z'Umuryango.

## IV. INSHINGANO Z'INSHUTI Z'UMURYANGO

Inshuti z'Umuryango zifite inshingano 4 z'ingenzi zikurikira:

1. Gukumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose n'ibindi bikorwa bibangamira umuryango n'umwana;
2. Gufasha umuryango n'abana bahuye n'ibibazo bibangamira uburenganzira bwabo no gukurikirana imibereho y'abana bafite ibibazo byihariye (abafite ubumuga, abafite uburwayi budakira, abana bayobora ingo, … )
3. Kubaka ubushobozi bw'umuryango no kuwutoza gukorera ku mihigo;
4. Guhuza ibikorwa bigamije kurinda no kurengera umuryango muri rusange n'umwana by'umwihariko.

## V. INSHINGANO Z'INSHUTI Z'UMURYANGO MU BURYO BURAMBUYE

| **Urwego** | **Inshingano** | **Uko bizakorwa** | **Uzabikora** |
|---|---|---|---|
| **Umudugudu** | Gukumira ihohoterwa n'ibindi bikorwa bibangamira umwana n'umuryango | -Gusura imiryango kenshi, cyane cyane ibamo amakimbirane no kuyiba hafi;<br>-Gutanga ubujyanama ku miryango n'abana cyane cyane abangavu n'ingimbi aho biri ngombwa;<br>-Gukurikirana imibereho y'abana bafite ubumuga mu muryango;<br>-Gukangurira imiryango kwirinda ihohoterwa n'ibindi bikorwa byose bibangamira inyungu z'umwana n'umuryango; nko gutwita imburagihe, kubashakiraho amaronko, kubatererana, kubacuruza cyangwa kubakoresha imirimo y'ingufu itajyanye n'ikigero cyabo, guta ishuri no kurinda ko abana batandukana n'imiryango yabo (kujya mu buzererezi, mu bigo,…) ;<br>-Gutanga amakuru hakiri kare yerekeye imiryango irimo amakimbirane cyangwa abana bugarijwe n'ibibazo. | Inshuti z'Umuryango zombi **(umugore n'umugabo),** bagakorana hafi na hafi n'Umuyobozi w'Umudugudu n'abandi bakorerabushake. |
| | Gufasha abana n'umuryango wahuye n' ibibazo bibangamira uburenganzira bwabo | -Kugira inama imiryango ifite amakimbirane<br>- Kumenya abana bugarijwe n' ibibazo;<br>-Gukorera ubuvugizi imiryango ifite ibibazo kugirango bikemuke ;<br>-Kujyana ku nzego zisumbuyeho ibibazo bitashoboye gukemurwa;<br>-Gukora ubuvugizi ku muryango ukeneye ubufasha ku buryo bwihutirwa;<br>-Kwigisha imiryango uburyo bwo kwikemurira ibibazo;<br>-Kwigisha umuryango mugari uburyo bagomba kwita ku mwana cyangwa ku muryango wahuye n'ibibazo. | |
| | Kubaka ubushobozi bw'imiryango no kuyitoza gukorera ku mihigo. | - Kongerera ubumenyi imiryango muri gahunda zitandukanye zijyanye no kurengera umwana n'umuryango;<br>-Kwibutsa imiryango kwinjiza mu muhigo w'umuryango ibijyanye no kurengera umuryango n'abana by'umwihariko;<br>-Gufasha imiryango ifite ubushobozi bucye kwibumbira hamwe mu bikorwa byo kwiteza | |

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | imbere | |
| Akagari n'Umurenge | Guhuza ibikorwa bigamije kurinda no kurengera umuryango n'umwana | -Kuyobora inama ku rwego rw'Akagari rimwe mu gihembwe na rimwe mu mezi atandatu ku rwego rw'Umurenge kugira ngo hagaragazwe ibyo barimo gukora n'ibibazo byaba birimo ndetse n'ingamba zafatwa kugira ngo bikemuke;<br>- Gutanga inama ku bandi bakorerabushake n'izindi nzego mu bijyanye no kurengera umwana n'umuryango;<br>-Guteza imbere imikoranire myiza hagati y'Inshuti z'Umuryango n'abandi bakorerabushake bakora muri gahunda yo kurengera umwana n'umuryango;<br>- Kwitabira inama zitumijwe n'inzego zisumbuye zigamije iterambere ry'umuryango no kurengera abana<br>- Gukora ubuvugizi no kumenyekanisha ibibazo bitakemukiye ku rwego rubanza bijyanye n'umuryango ku nzego zisumbuye kugira ngo bishakirwe umuti;<br>- Gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango kuva ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge;<br>- Guhanga udushya twatuma Inshuti z'Umuryango zigera ku nshingano zazo kandi na zo zikiteza imbere;<br>-Kwegeranya raporo z'ibikorwa by'Inshuti z'Umuryango zo ku nzego z' Umudugudu n'Akagari. | Umuhuzabikorwa w' Inshuti z'Umuryango ku Kagari no ku Murenge(Uyu muhuzabikorwa agomba gukorana cyane n'umukozi ushinzwe imibereho myiza kuri urwo rwego) |
| Akarere | | -Kuyobora inama ihuza Inshuti z'Umuryango nibura rimwe mu mwaka;<br>-Kongerera ubushobozi Insuti z'Umuryango haba mu mahugurwa no koroherezwa kubona ibikoresho by'ibanze;<br>-Kwegeranya raporo z'ibikorwa by'Inshuti z'Umuryango zo ku nzego z' Umudugudu, Akagari n'Umurenge | Umukozi ufite imibereho myiza mu nshingano ze agakorana hafi na Komite ishinzwe Inshuti z'Umuryango |

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA

## VI. UKO INSHUTI Z'UMURYANGO ZIZAKORANA N'IZINDI NZEGO ZISANZWE ZIRIHO

Inshuti z'umuryango zizuzuzanya n'inzego z'abakorerabushake zisanzwe ziri ku rwego zikoreraho mu bikorwa bigamije kurengera no guteza imbere umuryango.

Zimwe muri izo nzego ni Abajyanama b'ubuzima, Komite z'isuku, Abunzi, Abajyanama b'ubuhinzi, komite za "Community Policing", komite z'Inama y'Igihugu y'Abagore, Komite z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, komite z'Umugoroba w'ababyeyi, komite z'Ihuriro ry'abana,...

Inzego z'ibanze zirasabwa kuzafasha izi nzego zose kuzajya zikoresha inama zihuriwemo na komite z'izi nzego zose nibura rimwe buri gihembwe kugirango zungurane ubumenyi n'ubunararibonye.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ubwuzuzanye bw'Inshuti z'Umuryango n'abandi bakorerabushake bakorera mu muryango mugari:

| No | URWEGO RW'ABAKORERABUSHAKE | INSHINGANO Z'INGENZI | AHO RUHURIRA N'INSHUTI Z'UMURYANGO |
|---|---|---|---|
| 1 | **ABAJYANAMA B'UBUZIMA** | -Guteza imbere ubuzima binyuze mu bikorwa bihindura imyumvire y'abaturage (isuku n'isukura, indyo yuzuye, ikoreshwa ry'inzitiramibu iteye umuti, guhesha abana inkingo, konsa, kuringaniza imbyaro,gusura imiryango, kwipimisha Virusi itera SIDA ku bushake, kwishyura Ubwisungane mu kwivuza ku gihe…);<br><br>-Gukora ubukangurambaga ku bijyanye no kwirinda indwara zitandura nka kanseri, diyabete, umuvuduko ukabije w'amaraso, Asima, uburwayi bwo mu mutwe, ...<br><br>-Gukangurira umuryango mugari kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guhuza abarikorewe n'ibigo nderabuzima kugira ngo | Inshuti z'Umuryango zizajya zikorera ubuvugizi imiryango yagaragaje ko ikeneye ubujyanama mu by'ubuzima (kurwanya imirire mibi, guhesha abana inkingo, kugaburira umwana, kwirinda indwara…) ku bajyanama b'ubuzima. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | bahabwe ubufasha bukwiye;<br><br>-Gukurikirana uburyo abarwayi b'igituntu bafata imiti;<br><br>-Gutahura hakiri kare ibimenyetso by'indwara zitandura no kuyobora ababigaragaza kwa muganga;<br><br>-Kubarura ababyeyi batwite no kubakangurira kwipimisha kwa muganga;<br><br>-N'ibindi bifasha abaturage kugira ubuzima bwiza | |
| 2 | **KOMITE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE** | .Guhuriza hamwe ibitekerezo by'abagore no kubisesengura;<br>-Kubaka ubushobozi bw'umugore;<br>-Gushishikariza umugore kugira uruhare muri gahunda z'iterambere ry'Igihugu ;<br><br>-Guharanira uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore ;<br><br>-Gukora ubuvugizi ku bibazo by'ingutu bibangamiye iterambere n'uburenganzira by'umugore mu iterambere ry'Igihugu;<br>-Kugirana imishyikirano n'ubufatanye n'inzego zo mu mahanga zifite; inshingano nk'izayo. | Inshuti z'Umuryango zizajya zikorera ubuvugizi abagore bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi kuri iyi Komite bafatanye kubishakira ibisubizo cyangwa kubigeza mu zindi nzego zibifitiye ububasha. |
| 3 | **KOMITE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO** | -Gutoza urubyiruko umuco wo gukunda Igihugu;<br><br>-Gukangurira urubyiruko kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside;<br><br>-Gukangurira urubyiruko kurwanya amacakubiri n'ibindi bikorwa byose byaruganisha mu bitarufitiye | Inshuti z'Umuryango zizajya zitanga ubutumwa bwubaka n'ubujyanama ku rubyiruko n'imiryango yabo (Kwirinda ibibyabwenge, kwirinda inda zidateganyijwe,..) mu nama ziteguriwa na komite y'Inama y'Urubyiruko ihera ku rwego |



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | akamaro;<br><br>-Guhuriza hamwe urubyiruko hakoreshejwe uburyo bunyuranye nk'amahugurwa, imikino, imyidagaduro n'ibiganiro mbwirwaruhame bigamije kugeza ku rubyiruko inyigisho zubaka;<br><br>-Gushishikariza urubyiruko ibikorwa nyongeramusaruro n'ibindi bikorwa bigamije kuruteza imbere no guteza imbere Igihugu;<br><br>-Gushyigikira no gukurikirana imikorere y'amakoperative, amashyirahamwe n'indi miryango y'urubyiruko;<br><br>-Gukangurira urubyiruko kwita no kubungabunga ibidukikije;<br><br>-Kuvuganira urubyiruko mu nzego zose;<br><br>-Gukangurira urubyiruko ubumenyi n'ikoranabuhanga no kurutoza kwihangira imirimo iruteza imbere ikanateza Igihugu imbere;<br><br>-Gushyiraho no gukurikirana gahunda zo gukangurira urubyiruko kugira isuku, kwirinda icyorezo cya SIDA n'izindi ndwara;<br><br>-Gushakira urubyiruko rw'u Rwanda umubano mwiza n'urubyiruko rwo mu mahanga. | rw'Akagari. |
| 4 | **KOMITE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI** | -Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'umugoroba w'ababyeyi no gukangurira ababyeyi bombi (umugore n'umugabo) kuwitabira; | Mu nama y'Umugoroba w'Ababyeyi Inshuti z'Umuryango zizitabazwa mu gutanga ibiganiro bijyanye no gukumira no kurwanya |



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | -Gutanga raporo ku muyobozi w’Umudugudu;<br><br>- Gusura imiryango ifite ibibazo cyane cyane igaragaramo amakimbirane no kubagira inama yo gushaka ibisubizo ku buryo burambye. | ihohoterwa mu muryango, kurera abana neza, kwimika umuco w’ibiganiro mu muryango, uburenganzira bw’umwana. Mu gihe cyo gusura imiryango, Inshuti z’Umuryango nizo zitanga imirongo ngenderwaho yo gusura akaba ari nazo zifasha ubuyobozi bw’Umugoroba w’Ababyeyi guhitamo imiryango iherwaho. |
| 5 | **KOMITE YA “COMMUNITY POLICING”** | -Kugenzura impamvu zitera umutekano muke mu muryango nyarwanda;<br><br>-Gukangurira buri muturage kugira uruhare mu kurinda umutekano w’aho atuye;<br><br>-Gutegura ibiganiro bihugura abaturage, cyane cyane abanyeshuri n’abavuga rikijyana ku byiza byo kwirindira umutekano n’ingaruka z’umutekano muke;<br><br>- Koroshya no kwihutisha isakazamakuru ku bijyanye n’umutekano. | Inshuti z’Umuryango zizajya zimenyesha komite ya “Community Policing” ibibazo bishobora guteza umutekano muke mu mudugudu cyane cyane ibijyanye n’ihohoterwa ry’abagize umuryango, by’umwihariko irikorerwa abana kugirango byunguranweho ibitekerezo, bikemuke cyangwa bigezwe ku nzego zirebwa n’ikemurwa ryabyo. |
| 6 | **KOMITE Y’ABUNZI** | -Gusuzuma ibibazo by’amasambu n’amatungo n’izungura kuri ibyo bintu;<br><br>-Gusuzuma ibibazo bijyanye n’imitungo yimukanwa n’itimukanwa, iyo ikiburanwa kitarengeje miliyoni eshanu z’amafaranga y’u Rwanda (5.000.000 Frw) n’‘izungura kuri ibyo bintu;<br><br>-Gusuzuma ibibazo bijyanye no kutubahiriza amasezerano yakozwe | Inshuti z’Umuryango zizayobora imiryango n’abana bafite ibibazo by’ubutabera kuri Komite y’Abunzi ikorera kuva ku rwego rw’Akagari, banakurikirane uko byakemuwe. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo ikiburanwa kitarengeje miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw);<br><br>-Gukemura ibibazo bijyanye no kutubahiriza amasezerano y'umurimo yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo afite agaciro kari hasi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) ku kwezi;<br><br>- Gukemura ibibazo by'umuryango uretse mu gihe igisabwa ari ugufata icyemezo ku irangamimerere y'abantu. | |
| 7 | **ABAJYANAMA B'UBUHINZI** | -Guhugura abahinzi ku rwego rw'umudugudu ubuhinzi bwa kijyambere ku bihingwa byatoranyijwe, bikaba bikorwa nibura rimwe mu kwezi no kubumbira abahinzi mu matsinda ya TWIGIRE;<br>-Gushyiraho nibura umurima ntangarugero umwe ku rwego rw'umudugudu ;<br>-Gufatanya n'abahinzi bo mu mudugudu gutegura neza igihembwe cy'ihinga;<br>-Kugaragaza igihingwa cyatoranyijwe, Ubuso kizahingwaho, imbuto n'ifumbire bizakenerwa ndetse na gahunda yo gutera;<br>-Gushishikariza abahinzi igikorwa cyo guhuza imirima ndetse n'icyo kurwanya isuri ku rwego rw'umudugudu aharanira kugira umudugudu ndatwa;<br>-Kumenya abahinzi bakeneye ifumbire n'imbuto nziza no gukorana n'abashinzwe kuzegereza abahinzi kugira ngo zigerere ku bahinzi ku gihe; | Inshuti z'Umuryango zizayobora imiryango ikeneye ubumenyi mu kongera umusaruro mu by'ubuhinzi (cyane cyane ubuhinzi bw'ibiribwa birwanya imirire mibi mu muryango) ku bajyanama b'ubuhinzi bityo bagirwe inama. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | -Gushishikariza abahinzi gukora ibimpoteri bibafasha mu gufumbira imirima;<br>-Gushishikariza abahinzi gutera imiti ya kawa n'indi miti ku bindi bihingwa barinda indwara z'ibihingwa;<br>-Gukora imihigo n'umudugudu igaragaza ibizagerwaho n'uburyo bizajya bikurikirana ku rwego rw'umudugudu ku munsi uzajya uharirwa ubuhinzi n'ubworozi ku murenge ;<br>-Gushishikariza abahinzi igikorwa cyo guhunika ku rwego rw'umuryango no gukora ibigega by'imbuto ku mudugudu;<br>- Gukorana na servisi z'abagoronome ku rwego rw'akagari n'umurenge hagamije kubyaza umusaruro amaterasi y'indinganire, ibishanga ndetse n'ahandi hose Leta yashoye amafaranga ku nyungu z'abahinzi;<br>-Guhuriza hamwe gahunda z'ubuhinzi n'ubworozi kugirango byuzuzanye. | |
| 8 | **KOMITE Y'IHURIRO RY'ABANA** | -Kuyobora Inteko rusange y'ihuriro ry'abana;<br>-Guhuza ibitekerezo byatanzwe mu nama y'Inteko rusange no kumenyekanisha ibibazo bireba imibereho n'uburenganzira bw'abana;<br>-Kugira uruhare n'ijambo mu igenamigambi n'ibyemezo bifatwa n'inama y'Umudugudu; by'umwihariko batanga ibitekerezo ku igenamigambi n'ibyemezo bifatirwa abana;<br>-Kugira uruhare mu kwemeza abana bugarijwe n'ibibazo mu mudugudu kandi bakeneye ubufasha;<br>-Kumenyekanisha ibibazo bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa abana mu mudugudu; | Inshuti z'Umuryango ni abajyanama bihariye ba Komite y'Ihuriro ry'Abana. Zizafasha Komite y'Ihuriro ry'Abana gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo by'abana byagaragajwe mu ihuriro ryabo cyane cyane mu gihe abagize Komite baba bari ku ishuri. |



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | -Kugira ibyo biyemeza mu mihigo kandi bakabigeraho. | |
| 9 | **KOMITE Y'ISUKU** | - Koroshya no kwihutisha isakazamakuru ku bijyanye n'umutekano;<br>- Gushyira mu bikorwa gahunda zigenewe guteza imbere isuku;<br><br>- Kugaragaza imiryango ifite ibibazo bijyanye n'ubuzima n'isuku no kubafasha mu bikorwa bigamije guteza imbere isuku n'ubuzima muri rusange. | Inshuti z'Umuryango zizakorera ubuvugizi imiryango igaragaramo isuku nke (cyane cyane ku bana) kuri komite y'Isuku kugirango isurwe ku buryo bw'umwihariko kugirango igirwe inama kandi ikangurirwe ibikorwa byo guteza imbere isuku. |



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU

## VII. IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU ATORANYWE KUBA INSHUTI Y'UMURYANGO

Kugira ngo umuntu abe yatoranywa kuba Inshuti y'Umuryango agomba kuzuza ibi bikurikira:

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba agira ibanga;
- Kuba abana neza n'abandi;
- Kuba arangwa n' indangagaciro zo kurengera abana n'umuryango;
- Kuba ashaka gukora nk'umukorerabushake;
- Kuba afite umwanya uhagije wo kuzuza inshingano zavuzwe haruguru;
- Kuba atuye ku buryo buhoraho mu mudugudu, afitiwe icyizere n'abaturage kandi agira uruhare mu bikorwa byose by'Umudugudu;
- Kuba azi kwandika, gusoma no kubara mu Kinyarwanda;
- Kuba byibuze yarize amashuri 6 abanza;
- Kuba afite imyaka itari munsi ya 25 y'amavuko ;
- Kuba atarigeze agira uruhare mu bikorwa by'ubugome cyangwa indi myitwarire ibangamira ubuzima bw'abana n'umuryango ;
- Kuba yatoranijwe n'abaturage (kuva ku myaka 16 y'amavuko) kandi yemejwe n'umukuru w'Umudugudu.

## VIII. UKO INSHUTI Z'UMURYANGO ZITORANYWA

### 8.1 Itoranya ku rwego rw'Umudugudu

Ku rwego rw'Umudugudu, Inshuti z'Umuryango zitoranywa n'inteko rusange y'Umudugudu. Abatoranywa ni umugabo umwe n'umugore umwe. Umuyobozi w'Umudugudu niwe uyobora igikorwa cy'itoranya, atangira asobanurira inteko y'abaturage Inshuti z'Umuryango abo ari bo, icyatumye zishyirwaho, inshingano zazo n'ibisabwa kugira ngo umuntu abe Inshuti y'Umuryango.

### 8.2 Uburyo bwo kwamamaza

Umuntu ushaka kuba Inshuti y'Umuryango ashobora kwiyamamaza ubwe cyangwa kwamamazwa n'abandi. Buri mukandida agomba kuvuga amazina ye, imyaka afite, amashuri yize na nomero za telefoni ze, hanyuma bikandikwa ku ifishi yabugenewe. Bagomba kandi kugaragaza impamvu bashaka kuba Inshuti



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA

z'Umuryango. Ariko umukandida wamamajwe afite uburengenzira bwo kwemera cyangwa kwanga gutorwa. Itoranya rikorwa mu byiciro bibiri: abagabo biyamamaza ukwabo n'abagore ukwabo ariko buri cyiciro kigatoranywa n'inteko rusange y'Umudugudu. Mu gihe habonetse abakandida b'abagore gusa cyangwa abagabo gusa nibo batorwa nk'Inshuti z'Umuryango. Uwamamajwe cyangwa uwiyamamaje ajya imbere y'inteko akavuga amashuri yize, uburyo abazakora n'ibyo azafasha imiryango.

**8.3 Uburyo bukoreshwa mu gutoranya**

Nyuma yo kwemeza no kwandika imyirondoro ya buri mukandida kandi buri mukandida amaze kugaragaza ibigwi bye, abaturage batangira igikorwa cy'itoranya bajya ku murongo inyuma y'uwo bashaka. Umuyobozi w'Umudugudu ahitamo abantu babiri bamufasha gutunganya igikorwa cy'itoranya. Iyo hiyamamaje abakandida 2 (umugabo n'umugore) gusa kandi bujuje ibisabwa, bahita baba Inshuti z'Umuryango nta toranya rindi ribaye ariko nabo abaturage babanza kubatoranya bajya inyuma ya buri mukandida hakabarwa amajwi buri wese yagize.

Iyo abakandida ari benshi, umugabo n'umugore barushije abandi amajwi nibo baba batoranijwe nk'Inshuti z'Umuryango. Abatoranyijwe bashyirwa ku mafishi yabugenewe, raporo igatangwa ku nzego zisumbuyeho. Nyuma y'igikorwa abatoranyijwe bibutswa inshingano batorewe kandi bagasabwa kuzishyira mu bikorwa.

**8.4 Itoranya ku rwego rw'Akagari n'Umurenge**

Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Akagari n'Umurenge zitoranywa mu gihe cy'amahugurwa atangwa mbere yo gutangira gushyira mu bikorwa inshingano batorewe. Abazaba batowe ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari bose bazahura bitoremo umuhuzabikorwa umwe ubahagararira kuri urwo rwego. Bityo n'abatowe ku rwego rw'Utugari nabo bahure bitoremo umuhuzabikorwa umwe ubahagararira ku rwego rw'Umurenge. Uwatowe ku rwego rw'Akagari kimwe n'uwatowe ku rwego rw'Umurenge bazagumana inshingano batorewe zo gukomeza kuba Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umudugudu. Mu rwego rwo kwirinda kubangikanya inshingano, uwatowe ku rwego rw'umurenge azahita asimburwa ku mwanya w'umuhuzabikorwa ku rwego rw'Akagari. Ku rwego rw'Akarere, hazaba hari komite ihuza ibikorwa byose by'Inshuti z'Umuryango igizwe n'abantu 11[1] ikuriwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

[1] Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage (uyikuriye); Umukozi w'Akarere ushinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;Umukozi uhagarariye Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana mu Karere; Umuyobozi cg Umukozi ushinzwe Ubuzima; Umuyobozi cg Umukozi ushinzwe Uburezi; Umuyobozi cg umukozi ushinzwe Imiyoborere myiza; Umukozi ushinzwe Social Protection; Umukozi ushinzwe abafite Ubumuga; Uhagarariye Police mu Karere; Uhagarariye Ingabo mu Karere; Umukozi wa MAJ mu Karere ushinzwe kurwanya ihohoterwa.



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ku rwego rw'Igihugu hari abakozi 2, umwe wo muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) n'undi wo muri Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana (NCC) bahawe inshingano yo gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango. Imikorere yazo ya buri munsi izakurikiranwa na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana.

Inshuti z'Umuryango nta manda zigira. Iyo habonetse uweguye kubera impamvu ze bwite cyangwa kutubahiriza inshingano ze, asimburwa n'uwamukurikiye mu majwi mu gihe cy'itoranya habanje kurebwa niba acyujuje ibisabwa. Iyo atabyujuje hategurwa irindi toranywa. Iryo simburwa rikorwa nibura mu gihe kitarenze amezi atatu uhereye umunsi yahagarikiyeho inshingano.

## IX. URUHARE RW'INZEGO MU ISHYIRWAHO NO GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'INSHUTI Z'UMURYANGO

| N° | Urwego | Inshingano yarwo |
|---|---|---|
| 1 | **MIGEPROF & Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana** | • Gushyiraho inyandiko zikenewe zijyanye n'ishyirwaho ndetse n'imikorere y'Inshuti z'Umuryango (imirongo ngenderwaho, amafishi yo gutanga raporo,… );<br>• Gushyiraho itsinda ry'abafashamyumvire bazafasha muri iki gikorwa;<br>• Gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Kumenyekanisha akamaro ndetse n'imikorere y'Inshuti z'Umuryango mu nzego zitandukanye;<br>• Gushaka ubushobozi bujyanye n'ibikenewe mu gushyiraho Inshuti z'Umuryango n'imikorere yazo;<br>• Gushishikariza abafatanyabikorwa gushyigikira Inshuti z'Umuryango<br>• Kongerera ubushobozi Inshuti z'Umuryango;<br>• Gusesengura raporo yakozwe n'Inshuti z'Umuryango no gukemura ibibazo byagaragajwe muri iyo raporo no gutanga inama. |
| 2 | **MINALOC** | • Gusaba inzego z'ibanze kugira uruhare mu ishyirwaho no mu mikorere y'Inshuti z'Umuryango.<br>• Gusaba no gukurikirana ko inzego z'ibanze zishyira mu mihigo yazo gushyigikira Inshuti z'Umuryango;<br>• Gusaba inzego z'ibanze gukoresha inama y'abakorerabushake bose (nk'uko |

| | | |
|---|---|---|
| | | byagaragajwe mu gika cya 6) |
| 3 | **Itsinda ry'abafasha myumvire bo ku rwego rw'Igihugu** | • Kugeza ku bakozi b'inzego z'ibanze inyandiko zirebana n'ishyirwaho ndetse n'imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Gukurikirana ishyirwaho ry'Inshuti z'Umuryango;<br>• Gutanga amahugurwa ku nzego z'ibanze zizafasha mu gikorwa cyo guhugura Inshuti z'Umuryango no gutanga imfashanyigisho zikenewe. |
| 4 | **Akarere** | • Gushyira mu mihigo y'Akarere igikorwa kijyanye no gushyigikira no gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Gusaba Imirenge/Akagari/imidugugu gushyira mu mihigo yabo korohereza no gukurikirana imikorere y' Inshuti z'Umuryango ;<br>• Gukurikirana ishyirwaho n'imikorere by'Inshuti z'Umuryango ;<br>• Gufasha mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'Inshuti z'Umuryango;<br>• Kugira uruhare mu gutegura no gutanga amahugurwa y'Inshuti z'Umuryango ku nzego zose;<br>• Guhuza abagize Komite y'Akarere yashyizweho yo kurengera umuryango muri rusange n'umwana by'umwihariko;<br>• Gushishikariza abafatanyabikorwa gushyigikira Inshuti z'Umuryango<br>• Guhuza ibikorwa bya komite z'abakorerabushake;<br>• Gusesengura raporo yakozwe n'Inshuti z'Umuryango no gukemura ibibazo byagaragajwe muri iyo raporo no gutanga inama;<br>• Kohereza ku rwego rw'Igihugu raporo yerekana imikorere y' Inshuti z'Umuryango . |
| 5 | **Umurenge** | • Gukoresha inama zijyanye n'imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango mu midugudu no mu Tugari;<br>• Gufasha mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'Inshuti z'Umuryango no gushyikiriza urwego rw'Akarere ibitashoboye gukemuka;<br>• Gukoresha inama Inshuti z'Umuryango nibura rimwe mu mezi atandatu n'ikindi gihe bibaye ngombwa<br>• Gusesengura raporo yakozwe n'Inshuti z'Umuryango, gukemura ibibazo byagaragajwe muri iyo raporo no gutanga inama. |



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE · UMURIMO · GUKUNDA IGIHUGU

| | | |
|---|---|---|
| 6 | **Akagari** | • Gufasha mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'Inshuti z'Umuryango no kugeza ku rwego rw'Umurenge ibitashoboye gukemurwa;<br>• Gutegura inama y'Inshuti z'Umuryango nibura rimwe mu gihembwe;<br>• Guhuza abakorerabushake bari mu Kagari<br>• Gusesengura raporo yakozwe n' Inshuti z'Umuryango no gukemura ibibazo byagaragajwe muri iyo raporo no gutanga inama. |
| 7 | **Umudugudu** | • Gushishikariza abaturage akamaro k'Inshuti z'Umuryango no kwitabira igikorwa cyo kuzitoranya ;<br>• Gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Guhuza Inshuti z'Umuryango , n'izindi nzego ziri ku rwego rw'Umudugudu kugira ngo bahane amakuru ku byo bakora igihe bibaye ngombwa;<br>• Guha ijambo Inshuti z'Umuryango nyuma y'umuganda, mu Mugoroba w'Ababyeyi no mu zindi gahunda zihuza abaturage ;<br>• Gufasha Inshuti z'Umuryango mu gihe bahuye n'ibibazo birenze ubushobozi bwabo;<br>• Gusesengura raporo yakozwe n' Inshuti z'Umuryango no kuzifasha gukemura ibibazo byagaragajwe muri iyo raporo no gutanga inama. |
| 8 | **Abafatanyabi korwa** | • Gushyigikira no gufasha mu gikorwa kijyanye no gushyiraho no kunoza imikorere y'Inshuti z'Umuryango;<br>• Kwitabira inama batumiwemo n'Inshuti z'Umuryango;<br>• Kongerera ubushobozi Inshuti z'Umuryango. |

## X. IKURIKIRANA N'IHUZABIKORWA RY'INSHUTI Z'UMURYANGO

Mu rwego rwo kunoza imikorere, Inshuti z'Umuryango zizajya zihura kuri buri rwego kugira ngo zihane amakuru, zisuzume bityo zifate ingamba zo kunoza kurushaho inshingano zabo. Ku rwego rw'Umudugudu, Inshuti z'Umuryango zizajya zihura nibura rimwe mu kwezi, ku munsi n'isaba bumvikanyeho. Ku rwego rw'Akagari zizajya zihura nibura rimwe mu gihembwe, zitumiwe n'Umuhuzabikorwa w'Inshuti z'Umuryango ku Kagari, naho ku rwego rw'Umurenge, Inshuti z'Umuryango zizajya zihura nibura rimwe mu mezi atandatu zitumiwe n'Umuhuzabikorwa ku rwego



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

rw'Umurenge. Hanyuma ku rwego rw'Akarere Inshuti z'Umuryango zihure nibura rimwe mu mwaka zitumiwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza. Abahuzabikorwa ku rwego rw'Akagari n'Umurenge nibo bazajya bakurikirana kandi bahuza ibikorwa by' Inshuti z'Umuryango umunsi ku wundi.

## XI. IBIJYANYE N'IMITANGIRE YA RAPORO

### 11. 1 Ku mikorere rusange

Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umudugudu bafite inshingano yo gukora raporo y'ibikorwa bakoze buri kwezi, bakayishyikiriza Abahuzabikorwa b'Inshuti z'Umuryango ku Kagari, nabo bagashyira hamwe raporo z'Imidugudu bakazohereza abahuzabikorwa b'Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umurenge. Umukozi w'Akarere ufite inshingano zo kwita ku bana ahuza raporo ziturutse mu Mirenge na we akazigeza kuri komite ishinzwe kurengera abana n'umuryango ku Karere kugira ngo ibibazo birimo bishakirwe umuti. Nyuma ubuyobozi bw'Akarere bukagaragaza ibibazo bikwiye gukemukira ku Karere n'ibikeneye gukorerwa ubuvugizi ku nzego zisumbuye, bugashyikiriza Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana raporo; bukagenera kopi Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Abakozi bo ku rwego rw'Igihugu basesengura raporo zatanzwe bakagaragaza ingamba z'uburyo bwo gukemura ibibazo byaragaye bakanakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo.

**Icyitonderwa:**

Umuyobozi w'urwego Inshuti z'Umuryango zikoreraho agenerwa kopi ya raporo kugira ngo ayisesengure kandi akemure ibibazo byagaragajwe anatange inama aho biri ngombwa.

### 11.2 Ku bibazo byihutirwa (ibijyanye n'ihohoterwa)

Mu gihe hagaragaye ikibazo cyihutirwa kibangamiye uwo ari we wese ugize umuryango, Inshuti y'Umuryango isabwa kumenyesha ku buryo bwihutirwa umuyobozi w'urwego ariho kugira ngo gikemurwe ndetse agomba no kumenyesha umuhuzabikorwa w'Inshuti z'Umuryango ku rwego rwisumbuye.

## XII. UBURYO URU RWEGO RUZAFASHWA KUGIRA NGO RUKORE KU BURYO BURAMBYE

Kubera ko utorerwa kuba Inshuti y'Umuryango aba yabyemeye kandi yiyemeje gukorera ubushake, mbere yo gutangira gushyira mu bikorwa inshingano ze, agomba kubanza guhabwa amahugurwa kugira ngo asobanukirwe neza ibyo asabwa gukora. Inshuti z'Umuryango zizahabwa imfashanyigisho zitandukanye



MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

zibafasha kunoza umurimo wazo. Kuzongerera ubumenyi mu buryo buhoraho ni imwe mu ngamba izafasha mu gutuma zikora neza, zikora ibyo zumva kandi mu buryo burambye. Gukurikirana buri gihe imikorere yazo bizatuma hamenyekana ahagomba gushyirwa imbaraga kugira ngo zirusheho gukora neza. Inshuti z'Umuryango zizajya zisinya imihigo n'urwego zikoreraho zigire n'igihe cyo kuyesa.

Mu rwego rwo gushyigikira Inshuti z'Umuryango ku buryo burambye, Uturere tuzashyira mu mihigo yatwo ibikorwa bijyanye no korohereza no gukurikirana imikorere y'Inshuti z'Umuryango kandi n'abafatanyabikorwa batandukanye bazashishikarizwa kugira uruhare mu kuzishyigikira.

Hazabaho kandi ibikorwa byo gushimira Inshuti z'Umuryango zakoze neza kurusha izindi hagamijwe kuzongerera imbaraga, ishyaka n'ubushake mu mirimo yazo.

**Duharanire kubaka umuryango wishimye kandi abawugize bose bamerewe neza.**

**IMIGEREKA**

**Umugereka 1: Ifishi itangirwaho raporo y'itoranywa ry'Inshuti z'Umuryango ku rwego rw'Umudugudu**

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Itariki y'umunsi w'itoranya:** | | | |
| **Akarere:** | | | |
| **Umurenge:** | | | |
| **Akagari:** | | | |
| **Umudugudu:** | | | |
| **Amazina y'umukuru w'Umudugudu:** | | | |
| **Telefone y'umukuru w'Umudugudu** | | | |
| **Amazina y'undi muntu wasimbuye Umukuru w'Umudugudu mu gihe atabonetse** | | | |
| **Inshingano z'uwasimbuye Umukuru w'Umudugudu** | | | |
| **Telefone ye :** | | | |
| **Umubare w'abagize inteko y'Umudugudu** | | | |
| **Umubare w'abaturage bitabiriye igikorwa cy'itoranya ry'Inshuti z'Umuryango** | Abagore | Abagabo | Bose hamwe |
| | | | |

## Umugereka wa 2: Imyirondoro n'amajwi by'Inshuti z'Umuryango zatowe

| Amazina yombi | Imyaka | Igitsina (ca akaziga) | | Amashuri yize | Numero za telefoni | Umubare w'amajwi |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Abiyamamaje bose** | | | | | | |
| | | Gabo | Gore | | | |
| | | | | | | |
| | | | | | | |
| | | | | | | |
| | | | | | | |
| | | | | | | |

| **Amazina y'abakandida 2 babonye amajwi menshi (batoranyijwe)** | |
|---|---|
| Amazina y'umugabo watoranyijwe | |
| Amazina y'umugore watoranyijwe | |
| Ese hari imbogamizi waba wahuye nazo mu gikorwa cy'itoranywa? Zivuge | |

Izina n'umukono by'Umukuru w'Umudugudu

……………………………………………………………………………

………………………………………………………………………………

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION
REPUBULIKA Y'U RWANDA